RWANDA

commonwealth games RWANDA

# Icyegeranyo cy'Amakuru y'Imikino yaranze icyumweru

**2022** **Taliki 22-27 Nzeri**




P1. MotorSport: Karan Patel ni we wegukanye Rwanda Mountain Gorilla Rally 2022

## Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 **MotorSport:** Karan Patel ni we wegukanye Rwanda Mountain Gorilla Rally 2022

P2 **Football-CAN U-23:** Ikipe y'u Rwanda yasezereye Libiya mu mikino yo gushaka itike

P2 **Football:** Ikipe y'u Rwanda nta bwo yitwaye neza mu mikino ibiri ya gicuti

P3 **FEASSA 2022:** Amakipe yari ahagarariye u Rwanda yitwaye neza

P3 **ARPST:** Imikino y'abakozi igeze muri ½

P4 **Basketball:** Hasojwe umwaka w'imikino 2021-2022

P5 **Basketaball:** Hasojwe ingando z'abana batarengeje imyaka 14 na 16

P5 **Cycling:** Uko abakinnyi 5 baserukiye u Rwanda muri shampiyona y'Isi bitwaye

P6 **Swimming:** Ishyirahamwe ry'umukino wo koga mu Rwanda ryiyemeje kubaka Pisine yo ku rwego mpuzamahanga, rinahagarika amakipe 5

1

# **MotorSport:** Karan Patel ni we wegukanye Rwanda Mountain Gorilla Rally 2022

Karan Patel ukomoka muri Kenya ni we wegukanye irushanwa mpuzamahanga ryo gusiganwa mu modoka "Rwanda Mountain Gorilla Rally 2022" ryabaga ku nshuro ya 22 kuva taliki 23 kugeza 25 Nzeri 2022.

Nyuma yo kwegukana iri rushanwa rya 5 ku ngengabihe ya shampiyona y'Afurika muri uyu mwaka wa 2022, Karan Patel yongereye amahirwe yo kwegukana iyi shampiyona aho ahanganye na Leroy Gomes ukomoka muri Zambia.

Ku munsi wa 3 w'iri siganwa hakinwe uduce 4, muri utu duce, Karan Patel yegukanyemo 3 harimo agace ka Kamabuye 1, Kamabuye 2 ndetse na Gako B 2 mu gihe agace kandi kegukanwe na Jas Mangat ukomoka muri Uganda. Utu duce twaje twiyongera ku duce 4, Karan Patel yari yegukanye ku munsi wa kabiri na wo wari wabereye mu Karere ka Bugesera.

Leroy Gomes ni we wasoje umunsi wa mbere ayoboye isiganwa aho yarushaga amasegonda 13 Karan Patel wari uri ku mwanya wa kabiri.

Nyuma yo kwegukana agace ka 11 ka Kamabuye 2 (27.07 km), Karan Patel yahise afata umwanya wa mbere ku rutonde rusange aho yarushaga Leroy Gomes amasegonda 12.

Karan Patel nyuma y'agace ka 12 yasoreje muri rusange ku mwanya wa mbere aho muri kilometero 171.29 yakoresheje isaha 1, iminota 19 n'amasegonda 40. Ku mwanya wa kabiri haje Leroy Gomes ukomoka muri Zambia wahabwaga amahirwe menshi yo kwegukana iri siganwa aho yakoresheje isaha 1, iminota 19 n'amasegonda 53.



*Karan Patel (iburyo) ukomoka muri Kenya na mugenzi we bafatanyije gutwara nyuma yo kwegukana irushanwa rya "Rwanda Mountain Gorilla Rally 2022"*

Anwar Hamza ukomoka muri Kenya ni we waje ku mwanya wa gatatu akaba yarakoresheje isaha 1 iminota 21 n'amasegonda 21.

Abakinnyi b'u Rwanda basoje ni Gakwaya Jean Claude wasoreje ku mwanya wa 12 naho Kanangire Christian asoreza ku mwanya wa 13. Giancarlo Davite ukina nk'Umunyarwanda wari wasoreje ku mwanya wa 9, ku munsi wa kabiri nta bwo yasoje isiganwa.

Miss Kalimpinya Queen wari ukinnye isiganwa mpuzamahanga ku nshuro ya mbere atwaye "Drive" aho yari afatanyije na Ngabo Olivier nta bwo yasoje isiganwa kuko yavuyemo hasigaye agace kamwe ngo isiganwa risozwe.



*Miss Kalimpinya Queen (ibumoso) na mugenzi we Ngabo Olivier (iburyo).*

Perezida w'ishyirahamwe ry'umukino wo gusiganwa mu modoka mu Rwanda "RAC", Gakwaya Christian yatangaje ko irushanwa muri rusange ryagenze neza kuva ku musi wa mbere kugeza risojwe. Ati: "Iyo nta mpanuka yabaye biba ari byiza." Yakomeje avuga ko bishimira ko hasoje imodoka nyinshi (14) kandi ko byageze mu duce twa nyuma hakirimo guhangana ku bahataniraga kwegukana isiganwa. Gakwaya avuga ko muri gahunda bafite harimo kongera umubare w'abakinnyi b'Abanyarwanda ndetse bakongera n'amasiganwa mpuzamahanga akaba menshi.



*Perezida wa RAC, Gakwaya Christian akaba n'Umubitsi Mukuru muri Komite Olempike y'u Rwanda*

**Isiganwa rya nyuma ni ryo rizerekana uzegukana shampiyona y'Afurika 2022**

Iri rushanwa mpuzamahanga "Rwanda Mountain Gorilla Rally 2022" ryari ribaye ku nshuro ya 22 akaba yari iya 6 rishyizwe ku ngengabihe y'amarushanwa atanga amanota ku bakinnyi begukana shampiyona y'Afurika "FIA African Rally Championship".

Umwaka ushize wa 2021, Carl Tundo ukomoka muri Kenya yegukanye iri siganwa anahita yegukana shampiyona y'Afurika 2021.

Uyu mwaka si ko byagenze kuko Leroy Gomes wari ku mwanya wa mbere n'amanota 102 atabashije kwegukana irushanwa. Karan Patel nyuma yo kweguna "Rwanda Mountain Gorilla Rally 2022" yahise yongera amahirwe yo kuba yakwegukana shampiyona y'Afurika aho bizamenyekana nyuma y'irushanwa rya 6 ari na ryo rya nyuma rikazabera muri Zambia taliki 21 kugeza 23 Ukwakira 2022.

Nyuma y'iri siganwa ryo mu Rwanda, Leroy Gomes (Zambia) ayoboye urutonde rw'Afurika "FIA African Rally 2022" n'amanota 126 akurikiwe na Karan Patel (Kenya) n'amanota 105 naho ku mwanya wa 3 haza Anwar Hamza (Kenya) ufite amanota 55 akaba anganya na Jeremy Wahome (Uganda) naho ku mwanya wa 5 hari Jas Mangat (Uganda) ufite amanota 49.

Kugira ngo Patel Karan azegukane shampiyona y'Afurika ni uko azegukana iri rushanwa rya nyuma ryo muri Zambia ariko bigasaba ko Leroy Gomes atazaba yasoreje mu bakinnyi 8 ba mbere. Leroy Gomes uzaba ari gukinira mu rugo arasabwa gusa gusoreza mu bakinnyi 8 ba mbere kuko akeneye amanota 10 gusa.

Umukinnyi w'u Rwanda uri kuri uru rutonde ni Giancarlo Davite akaba ari ku mwanya wa 7 n'amanota 38. Mbere y'iri siganwa akaba yari ari ku mwanya wa 3.



*Imodoka Karan Patel yakoresheje yegukana irushanwa rya "Rwanda Mountain Gorilla Rally 2022"*

## **Football-CAN U-23:** Ikipe y'u Rwanda yasezereye Libiya mu mikino yo gushaka itike

Ikipe y'u Rwanda "Amavubi" mu batarengeje imyaka 23 yitwaye neza ikomeza mu cyiciro cya kabiri mu mikino yo gushaka itike y'imikino y'Afurika mu batarengeje imyaka 23 "Africa U-23 Cup of Nations 2023" nyuma yo gusezerera ikipe ya Libiya.

Taliki 22 Nzeri 2022, ikipe y'u Rwanda yatsindiwe muri Libiya ibitego 4-1. Mu mukino wo kwishyura wabereye i Huye kuri uyu wa Kabiri taliki 27 Nzeri 2022, ikipe y'u Rwanda yitwaye neza itsinda Libiya ibitego 3-0 byatsinzwe na Niyigena Clement ku munota wa 38 na 53 ndetse na Rudasingwa Prince ku munota wa 72.

Aya makipe yombi yaganyije ibitego 4-4 mu mikino yombi ariko ikipe y'u Rwanda irakomeza kuko yatsindiye igitego hanze.

Ikipe y'u Rwanda nyuma yo gukomeza izahura na Mali mu majonjora y'icyiciro cya kabiri. Umukino ubanza uzabera mu Rwanda taliki 20 Ukwakira 2022 naho umukino wo kwishyura ubere muri Mali taliki 27 Ukwakira 2022.

Mu cyiciro cya gatatu ari na cyo cya nyuma, ikipe izakomeza hagati y'u Rwanda na Mali izahura n'ikipe izaba yakomeje hagati ya Burkina Faso na Senegal.

Imikino ya CAN-23 izabera muri Maroc muri Kamena 2023 aho izitabirwa n'amakipe 8. Amakipe 3 ya mbere azabona itike yo kuzaserukira Afurika mu mikino Olempike "Summer Olympic Games 2024" izabera i Paris mu Bufaransa.



*Ikipe y'u Rwanda y'abatarengeje imyaka 23 ikina na Libiya mu mukino wo kwishyura wabereye kuri Stade mpuzamahanga ya Huye*



*Ikipe y'u Rwanda y'abatarengeje imyaka 23*



*Ikipe y'a Libiya y'abatarengeje imyaka 23*

## **Football:** Ikipe y'u Rwanda nta bwo yitwaye neza mu mikino ibiri ya gicuti

Ikipe y'u Rwanda «Amavubi » imaze iminsi muri Maroc aho yakinnye imikino ibiri ya gicuti gusa nta bwo yabashije kwitwara neza.

Iyi kipe itozwa na Carlos Alos Ferrer yanganyije na Equatorial Guinea 0-0, umukino wabaye taliki 23 Nzeri 2022.

Undi mukino wabaye taliki 27 Nzeri 2022, ikipe y'u Rwanda yatsinzwe n'ikipe ya St Eloi Lupopo FC yo muri RDC ibitego 3-1.

Umutoza w'ikipe y'u Rwanda yateguye iyi mikino ya gicuti mu rwego rwo kwitegura imikino y'umunsi wa 3 n'uwa 4 izaba muri Werurwe 2023 mu gushaka itike ya CAN 2024 izabera muri Cote d'Ivoire. Muri iyi mikino ikipe y'u Rwanda iri mu itsinda L hamwe na Mozambique, Senegal na Benin. Ikipe y'u Rwanda mu mikino ibiri iheruka mu itsinda L yanganyije na Mozambique igitego 1-1 itsindwa na Senegal igitego 1-0.

Muri Werurwe 2023, mu mikino y'umunsi wa 3 n'uwa 4, ikipe y'u Rwanda izakina na Benin, umukino ubanza ubere Cotonou naho uwo kwishyura ubere mu Rwanda.

Ikipe y'u Rwanda yitabiriye iyi mikino ya gicuti yari yiganjemo abakinnyi bashya kuko umutoza Carlos Alos Ferrer yari yahamagaye abakinnyi 24 harimo 14 bakina hanze y'u Rwanda, muri aba hakaba harimo 5 bahamagawe bwa mbere bose bakaba bakina ku mugabane w'i Burayi.



*ikipe y'u Rwanda ikina n'ikipe ya St Eloi Lupopo FC yo muri RDC mu mukino yatsinzwemo ibitego 3-1.*



## 3 **FEASSA 2022:** Amakipe yari ahagarariye u Rwanda yitwaye neza

Nyuma y'iminsi 12 abakinnyi b'ibigo by'amashuri bari bamaze mu gihugu cya Tanzanie aho bari bitabiriye imikino ihuza ibigo by'amashuri yabaye kuva taliki 14 kugeza taliki 26 Nzeri 2022, bagarutse mu Rwanda, bagarukanye imidali ya Zahabu mu bahungu n'abakobwa mu mukino wa Handball.

U Rwanda rwari rwitabiriye iyi mikino mu mupira w'amaguru, Basketball, Volleyball, Handball, Table Tennis, ndetse no gusiganwa ku maguru.

Muri Handball, ikipe ADEGI mu bahungu na Kiziguro SS mu bakobwa ni zo zegukanye igikombe.




*Ikipe y'ikigo cy'ishuri ADEGI Gituza nyuma yo kweguna igikombe mu mukino wa Handball*

Mu mupira w'amaguru m bahungu, u Rwanda rwari ruhagarariwe na ES Gasiza yatashye iri ku mwanya wa 9 mu makipe 10, naho mu bakobwa IP Mukarange yatashye iri ku mwanya wa 9 mu makipe 9.

**Dore imbonerahamwe igaragaza uko amakipe yitwaye**

Ni inshuro ya 19 hakinwaga iyi mikino ihuza ibigo by'amashuri byabaye ibya mbere mu Karere k'Afrika y'Iburasirazuba, imikino itaha ikaba izabera mu gihugu cy'u Burundi.



**Federation of**
East African Secondary Schools Sports Associations
19TH EDITION ARUSHA, TANZANIA 14-23 SEPTEMBER 2022

**RWANDA'S PERFORMANCE**

| | | | |
|---|---|---|---|
| FOOTBALL | BOYS | ES Gasiza | 9th/10 |
| | GIRLS | IP Mukarange | 9th/9 |
| BASKETBALL | BOYS | Lycée de Kigali | 3rd |
| | GIRLS | Lycée de Kigali | 4th/8 |
| VOLLEYBALL | BOYS | ESSA Nyarugunga | 3rd |
| | GIRLS | IPRC Kigali | 3rd |
| HANDBALL | BOYS | ADEGI Gituza | Champions |
| | BOYS | ES Kigoma | 3rd |
| | GIRLS | Kiziguro SS | Champions |
| TABLE TENNIS | BOYS | Rwanda 1 | Runners-Up |
| | GIRLS | Rwanda 1 | Runners-Up |
| ATHLETICS | GIRLS | Tabitha TUYAMBAZE (3,000m) | 3rd |

#Feasssa2022 #RwandaToFeasssa

## **ARPST:** Imikino y'abakozi igeze muri ½

Imikino y'abakozi b'ibigo bya Leta n'ibyigenga igeze muri ½ cy'iragiza.

Mu mpera z'icyumweru gishize taliki 23 na 24 Nzeri 2022 nibwo iyi mikino yakinwaga hakinwa imikino ibanza.

**Football (½)**

- **Catégorie A**
  - RwandAir 1-1 MoD
  - NISR 1-1 RBC
- **Catégorie B**
  - MININFRA 2-2 RMB
  - RISA 2-3 IPRC

**Basketball**

**Catégorie B**
- RTDA 44-30 MINECOFIN
- UR 50-78 WASAC

**Volleyball**

**Catégorie A**
- MINISPORTS 3-0 Inteko
- MOH 0-3 RwandAir
- MOD vs WASAC uyu mukino ntiwabashije gukinwa bitewe n'imvura yaguye ari nyinshi.





Nyuma y'aho shampiyona ya Basketball mu bagabo n'abagore isojwe taliki 18 Nzeri 2022 aho ikipe ya REG BBC yegukanye igikombe mu byiciro byombi, taliki 24 Nzeri 2022 ni bwo hasojwe umwaka w'imikino muri Basketball "Rwanda Basketball League 2021-2022" mu birori birimo umukino w'abitwaye neza "All Star Game".

Mbere y'uko haba umukino w'abitwaye neza mu bagabo "All Star Game" habaye kurushanwa mu gutsinda amanota 3 ahari hahanganye abakinnyi batandukanye barimo Uwitonze Justin (IPRC Kigali), Sangwe Armel (APR BBC), Tuyishemeze Dieudonne (IPRC Huye), Ndizeye Ndayisaba Dieudonne (Patriots BBC), Munyeshuri Thierry (Espoir BBC) na Aganze B. Espoir (UGB).

Muri iki cyiciro, Ndizeye Ndayisaba Dieudonne ukinira ikipe ya Patriots BBC ni we witwaye neza.



*Ndizeye Ndayisaba Dieudonne ukinira ikipe ya Patriots BBC ashyikirizwa igihembo*

Mu kurushanwa gutsinda bakoze mu nkangara "Slam Dunk" abakinnyi barushanyijwe barimo Ndayizeye Samuel (Kigali Titans), Ngendahimana Ngabo Rachid (UR Huye), Irakoze Jules (IPRC Huye), Cleveland Thomas Jr (REG BBC), Mbanze Bryan (IPRC Huye), Kamndoh Betoudji Frank (Shoot for Stars) na Pierre Steven (APR BBC).

Cleveland Thomas Jr ukinira ikipe ya REG BBC ni we wahize abandi muri iki cyiciro.



### Umukino w'abitwaye neza "All Star Game"

Uyu mukino wahuje amakipe abiri yatoranyijwe mu bakinnyi bitwaye neza muri shampiyona mu makipe atandukanye.

Ikipe ya mbere "Team Mpoyo" yari igizwe na Mpoyo Axel (Kapiteni), Gray Kendal, Filer Javon Adonis, Thomas Jr Cleveland, Nshobozwabyosenumukiza Jean Jacques Wilson, Shyaka Olivier, Sangwe Armel, Kaje Elie, Niyonkuru Pascal, Nkusi Arnaud, Kabare Hubert, Munyeshuri Thierry. Umutoza ari Ogolla Benson Oluoch yungirijwe na Atobrihan Fenan.

Ikipe ya kabiri "Team Steve" yari igizwe na Hagumintwali Steve (Kapiteni), Ndizeye Ndayisaba Dieudonne, Habimana Ntore, Pierre Steven, Beleck Bell Engelbert, Wamukotah Bush, Uwitonze Justin, Kubwimana Kazingufu Ally, Aganze B. Espoir, Kamndoh Betoudji Frank, Muteba Tresor na Turatsinze Olivier. Umutoza ni Henry Mwinuka Denis Newton yungirijwe na Karemera Jean Claude.

Muri uyu mukino, Team Mpoyo yatsinze Team Steve amanota 126 ku 116. Agace ka mbere Team Steve yatsinze amanota 34 kuri 26. Agace ka kabiri, Team Mpoyo yatsinze amanota 41 kuri 20, agace ka gatatu, Team Steve yatsinze amanota 31 kuri 20 naho agace ka nyuma ka kane, Team Mpoyo itsinda amanota 39 kuri 31.

Gray Kendall usanzwe akinira ikipe ya Patriots BBC akaba yari muri Team Mpoyo ni we witwaye neza aho yatsinze amanota menshi (29) agarura imipira 14 itageze mu nkangara ndetse anatanga imipira 3 yavuyemo amanota.



### Abitwaye neza muri shampiyona 2021-2022 bahawe ibihembo

Mu bakowa, uwatsinze amanota 3 kurusha abandi ni Micomyiza Rosine (The Hoops). Uwatsinze amanota menshi ni Mireille Nyota Muganza (REG BBC), uwugariye kurusha abandi ni Umugwaneza Charlotte (APR BBC). Umukinnyi wazamuye urwego kurusha abandi ni Dusabe Jane (The Hoops). Naho umukinnyi witwaye neza kurusha abandi "MVP" aba Mireille Nyota Muganza (REG BBC).




Hatowe n'ikipe y'umwaka igizwe na Nsanzabaganwa Nelly (APR BBC), Kantore Sandra (REG BBC), Nezerwa Ines (REG BBC), Betty Kalanga (APR BBC) na Mireille Nyota Muganza (REG BBC). Umutoza witwaye neza aba Mukaneza Esperance (REG BBC).

Mu bagabo hahembwe, Munyeshuri Thierry (Espoir BBC) nk'uwatsinze amanota 3 kurusha abandi. Frank Betoudji Kamndoh (Shooting for the Stars) yabonye igihembo cy'uwatsinze amanota menshi ndetse n'igihembo cy'uwarushije abandi mu kugarira. Umukinnyi wazamuye urwego kurusha abandi ni TuratsinzeOlivier (IPRC Kigali) naho umukinnyi witwaye neza kurusha abandi "MVP" ni Axel Mpoyo (REG BBC).




Hatowe n'ikipe y'umwaka igizwe na Adonis Filer (REG BBC), Kenneth Gasana (Patriots BBC), Hagumintwari Steve (Patriots BBC), Axel Mpoyo (REG BBC) na Pitchou Manga (REG BBC). Umutoza witwaye neza ni Mwinuka Henry Dennis Newton (REG BBC).

## Basketaball: Hasojwe ingando z'abana batarengeje imyaka 14 na 16

Kuva taliki 22 kugeza 24 Nzeri 2022, muri GS St Aloys mu Karere ka Rwamagana habereye ingando "Camp" z'umukino wa Basketball z'abana bafite hatarengeje imyaka 14 na 16 mu bahungu n'abakobwa "Jr NBA Camp Bye Bye Vacance". Izi ngando z'iminsi 3 zikaba zarateguwe n'ishyirahamwe ry'umukino wa Basketball mu Rwanda FERWABA ku bufatanye na NBA Africa.

Ku bufatanye bw'izi mpande zombi bwashyizweho umukono mu 2018, biteganyijwe ko irushanwa rya "Jr NBA League" rigiye gusubukura. Iri rushanwa ryitabirwa n'abana 15, baturutse mu makipe y'ibigo by'amashuri 30 mu bahungu n'abakobwa ari na yo makipe akina shampiyona ya Basketball muri Amerika "NBA".

Ku bufatanye na NBA Africa binyuze mu guteza imbere umukino wa Basketball kuva mu 2018, FERWABA yari ifitanye amasezerano na yo yo gutegura NBA Jr League ariko kubera COVID-19 mu 2020 ntiyashoboye kuba.
Mu ngando zabaye uyu mwaka, aba bana batojwe n'umutoza w'Umunyamerika, Joel Yoba (Basketball Operations NBA Africa), aho yafatanyije n'abatoza 30 b'Abanyarwanda ndetse n'Umuyobozi wa Tekinike muri FERWABA, Mutokambali Moise.

Umuyobozi wa Tekinike muri FERWABA, Mutokambali Moise nyuma y'izi ngando yatangaje ko aho icyorezo kigabanyirije ubukana bongeye gukorana n'abashinzwe NBA JR League ndetse na NBA Africa bemeza ko uyu mwaka w'amashuri ugiye gutangira, hagomba gutangira NBA JR League y'abatarengeje imyaka 15 "Jr NBA League".

Mutokambali avuga ko ubu bafite ibyiciro bibiri, abatarengeje imyaka 14 ndetse n'abatarengeje imyaka 16 akaba aribo basanzwe bakina icyo cyiciro cy'iryo rushanwa "Jr NBA League" mu bigo by'amashuri.

Umutoza Joel Yoba waturutse muri NBA Africa akaba ashinzwe ibikorwa yatangaje ko impamvu nyamukuru y'iyi myitozo ari ukugira ngo bazamure ubumenyi bw'ibanze bw'abana bakiri bato ndetse banafashe abatoza babaha ubumenyi bukenewe bazajyana mu mashuri bigisha abana mu buryo bwiza.

Ndayisaba Ketia Lydia wiga muri Notre Dame de la Providence Karubanda akaba amaze imyaka 6 akina Basketball, yatangaje ko bungutse ibintu byinshi birimo uburyo bw'imikinire nko gukina wugarira, kwambura umupira, gutera imipira mu nkangara, uko uhagarara ugiye gutera umupira mu nkangara n'ibindi bitandukanye.



## Cycling: Uko abakinnyi 5 baserukiye u Rwanda muri shampiyona y'Isi bitwaye

Kuva taliki 18 kugeza 25 Nzeri 2022 i Wollongong muri Australia habereye shampiyona y'Isi y'umukino wo gusiganwa ku magare mu muhanda "UCI Road World Championships 2022". Abakinnyi 5 ni bo baserukiye u Rwanda gusa ntababashije gusoza isiganwa.

Mu bagabo bakuru "Men Elite" Manizabayo Eric na Mugisha Moise ni bo bahatanye aho mu gusiganwa mu muhanda "Road race" intera ya kilometero 266.9 batabashije gusoza.
Muri iki cyiciro abakinnyi 169 ni bo basiganwe hasoza 103. Muri aba basoje, Remco Evenepoel ukomoka mu Bubiligi ni we wabaye uwa mbere aho yakoresheje amasaha 6, iminota 16 n'amasegonda 8. Yakurikiwe na Christophe Laporte (France) wakoresheje amasaha 6, iminota 18 n'amasegonda 29 naho ku mwanya wa 3 haza Michael Matthews (Australia) na we wakoresheje amasaha 6, iminota 18 n'amasegonda 29.

Mu bakobwa bakuru "Women Elite", Nzayisenga Valentine ni we waserukiye u Rwanda gusa nta bwo yashoboye gusoza isiganwa ryo mu muhanda "Road race". Muri iki cyiciro abakinnyi 126 ni bo batangiye isiganwa hasoza 78. Mu ntera ya kilometero 164.3, Annemiek van Vleuten (Netherlands) ni we wegukanye umwanya wa mbere aho yakoresheje amasaha 4, iminota 24 n'amasegonda 25. Yakurikiwe na Lotte Kopecky (Belgium) na Silvia Persico (Italy) bombi bakoresheje amasaha 4, iminota 24 n'amasegonda 26.

Ikindi cyiciro cyagaragayemo abakinnyi b'u Rwanda ni mu batarengeje imyaka 23 "Men U-23" aho Iradukunda Emmanuel na Uhiriwe Byiza Renus na bo batashoboye gusoza isiganwa ryo mu muhanda "U-23 Men Road race". Muri iki cyiciro abasiganwe bari 132 hasoza 70. Ku ntera ya kilometero 169.8, Yevgeniy Fedorov (Kazakhstan) yegukanye umwanya wa mbere aho yakoresheje amasaha 3, iminota 57 n'amasegonda 08. Ku mwanya wa kabiri haje Mathias Vacek (Czech Republic) wakoresheje amasaha 3, iminota 57 n'amasegonda 09 naho ku mwanya wa 3 haza Søren Wærenskjold (Norway) wakoresheje amasaha 3, iminota 57 n'amasegonda 11.

Kuva muri 2014 ubwo u Rwanda rwitabiraga ku nshuro ya mbere shampiyona y'Isi nta bwo rurabasha kwegukana umudali. Shampiyona y'Isi umwaka utaha wa 2023 izabera i Glasgow muri Scotland taliki 3 kugeza 13 Kanama 2023. Muri 2024 izabera i Zurich mu Busuwisi naho muri 2025 ibere i Kigali mu Rwanda.



# **Swimming:** Ishyirahamwe ry'umukino wo koga mu Rwanda ryiyemeje kubaka Pisine yo ku rwego mpuzamahanga, rinahagarika amakipe 5

Ku cyumweru taliki ya 25 Nzeri 2022, inama y'Inteko Rusange y'ishyirahamwe ry'umukino wo Koga mu Rwanda "RSF" yateraniye kuri Hotel Olempike Kimironko igamije gusuzuma uko "RSF" ihagaze mu gihe cy'umwaka w'imikino 2021-2022.

Perezida wa RSF, Girimbabazi Rugabira Pamela OLY ni we wari uyoboye iyi nama, aho yatangiye yakira Abanyamuryango ndetse anabagezaho uko iri shyirahamwe rihagaze.

Nyuma yo kugaragarizwa ishusho rusange y'Ishyirahamwe ry'umukino wo koga, Abanyamuryango baganiriye ku bintu bitandukanye birimo no kubaka Pisine igezweho ku buryo u Rwanda rwajya ruyifashisha mu kwitegura kwitabira amarushanwa mpuzamahanga ku bakinnyi baruserukira ndetse no kuba rwayifashisha mu kwakira imikino mpuzamahanga.
Uretse ibijyanye na Pisine, hanagarutswe ku banyamuryango 5 batakigaragara mu bikorwa iri RSF itegura, aho hafashwe umwanzuro w'uko baba bahagaritswe by'agateganyo mu bikorwa byose.

Agaruka ku bijyanye na Pisine, Girimbabazi yagize ati: "Abagize ishyirahamwe ry'umukino wo Koga mu Rwanda bicaye basanga kugira ngo nabo bagere ku rwego rwisumbuye mu bafite ibisabwa ngo bakire imikino mpuzamahanga, ari ngombwa ko u Rwanda rugira aho bakorera myitozo hari ku rwego mpuzamahanga." Avuga kandi ko mu Rwanda hasanzwe hari ahantu heza ho gukinira uriya mukino ariko ikibazo ari uko hatari ku rwego mpuzamahanga.

Girimbabazi avuga ko bigenze neza umwaka wa 2022 uzarangira gahunda zo gutangira kubaka iyi Pisine zarashyizwe ku murongo ku nkunga y'ishyirahamwe mpuzamahanga y'umukino wo koga na Leta y'u Rwanda.

Muri iyi nama y'Inteko Rusange kandi hahagaritswe amakipe agera muri 5 muri 15 agize RSF kubera kutitabira ibikorwa.
Perezida wa RSF, Girimbabazi Pamela yatangaje ko bahisemo guhagarika aya makipe kuko nta bikorwa bya RSF na bike bitabiraga ndetse babamenyesheje ko bagiye kubasura ariko bakababura. Ati: "Nk'uko mwabyumvise byabaye ikiganiro kirekire, mu bikorwa byaranze RSF kuva dutangira harimo igikorwa cyo gusura amakipe kugira ngo tubashe gukorana neza tumenye imbogamizi bahura na zo cyane cyane ikijyanye no guteza imbere impano z'abakiri bato." "Kuva icyo gihe kugeza ubu hari amakipe agize RSF twamenyeshaga ko tuje kubasura ariko ntibagaragare ntibagire n'icyo bavuga, ni yo mpamvu twahaye raporo inteko rusange ni ko guhita bafata umwanzuro ko tubandikira tubamenyesha ko babaye bahagaritswe hagendewe ku myanzuro y'Inteko Rusange."

Amakipe yahagaritswe ni Cool Water, Thousand Hero, Town SC, CBS Karongi na Kigali SC.

Mu bindi byavugiwe muri iyi nama ni uko u Rwanda ruteganya kuzakorana n'inzego bireba, hakarebwa uko mu minsi iri imbere u Rwanda rwazakira shampiyona y'Afurika. Ikindi ni ugushyira imbaraga mu mikoranire dusanganywe n'ishyirahamwe ry'imikino mu mashuri mu rwego rwo gukomeza guteza imbere uyu mukino.

Mu Gushyingo, u Rwanda ruzitabira CANA Zone 3 izabera mu gihugu cya Tanzania tariki ya 16 Ugushyingo 2022.




*Ku cyumweru taliki ya 25 Nzeri 2022, inama y'Inteko Rusange y'ishyirahamwe ry'umukino wo Koga mu Rwanda "RSF" yateraniye kuri Hotel Olempike Kimironko igamije gusuzuma uko "RSF" ihagaze mu gihe cy'umwaka w'imikino 2021-2022.*




*Perezida w'Ishyirahamwe ry'umukino wo koga mu Rwanda Pamela Girimbabazi Rugabira OLY ageza ijambo ku banyamuryango bitabiriye inama y'Inteko Rusange yateranye kuwa 25 Nzeri 2022*

RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera–Hallmark Center Building KG 17 Ave